IBYAVUZWE MU NAMA Y'ABATWARE

KU MUNSI WA 30/3/1948.-

Abari mur'iyo Nama: LENS, Agronome
WILLEMS, Agent Ter. principal
NYS, Agent Territorial
ANTONISSEN, Administrateur Territorial
n'Abatware bose hamwe n'Ibisonga byose ulets'ibi bisonga: Kanakintama, Karahamuheto, Zimulinda na Ruhonyo, babuze ata mpamvu.-

IBI BYANDITSE MUNSI NIBYO BYAVUZWE:

AGRICULTURE.-

I°/ Kubera ibarua ya Bwana Gouverneur, Abatware barabwiwe yuko amashaza y' amaseriseri bagomba kuyacha(barebe yuko abantu batongera kuyahinga).-

2°/ Lutte anti-érosive: Muli Province Buhoma-Buhanga na Kibali-Buberuka, ibisonga bine biz'ubwenge kandi bikora neza, byaratowe kugira ngo bakore akazi ka "ZUNGURUKA"(hamwe n'aba Bazungu: Bwana Nys mu Kibali na Buberuka, Bwana Rheinhard i Buhoma-Buhanga) muli s/chefferies zabo. Bazaronka vubaha ibikoresho.-

Mu Province zindi: bageze babiri.

Buhoma-Buhanga: Ruvugayimikore-Kamufozi- Rwabulindi-Buhirike.
Kibali-Buberuka: Kalera-Kanakintama-Sempabwa-Buganura.-
Mulera: Rwabukambiza-Kabano
Bisalinkumi: Gumira-Ruzigamanzi
Rwabukamba: Kalekezi-Sezikeye
Bisamaza: Rubambana-Karema

Abo bamaze kubimenya bazigisha ibindi bisonga baturanye ..... guty

AFFAIRES ECONOMIQUES.-

I°/ Buli igihe igiciro cy'ibigurwa(ibiryo) n'Abahindi, bazabimenyesha Abatware nabo bakabibwira ibisonga byabo, kugira ngo abantu bame bamen ikiguzi cyabyo.-

2°/ Ingano ntizikigomba uruhusa kugira ngo bazigure.

3°/ Ibambiro za Buberuka, Gatonde na Kagogo bagomba kwongera kuzikora.

JUSTICE.-

Imanza zimwe zimwe zanditswe mu gitabo cya "Jurisprudence des Tribunaux indigènes du R.U. zirahinduriwe Abatware mu kinyarwanda kugira ngo bakurikire amajyambere mu by'imanza.-

ADMINISTRATION.-

I°/ Bareby'iby'Inama za s/chefferies. Kenshi na Kenshi Ibisonga bitekereza yuko iyo nama ariyo kuvugamo amategeko bahawe. Barabereka akamaro k'iy nama n'uburyo igomba kugirwa.-

2°/ Isuku ry'ibitabo bigomba kucungwa n'Abatware n'Ibisonga, kuko kenshi na kenshi babirekera Abakarani batabizi.-

3°/ Ikambi z' i Mburabuturo, Gatonde, Kidaho na Imbogo zigomba kusubirwamo

4°/ Ibyavuzwe mu Nama za Province bikwiriye kumenywa, kuva mu kwezi kwa fevrier byahawe Abatware bose.-

SOCIOLOGIE.-

Kugira ngo tufashe amajambere, mu kwerekana abasumpana mu bantu bandi, kugerageza kwiza ubufundi muli bamwe bamwe, Abatware babwiwe kushaka umw' umwe mu Province ye, abafundi bazi kubumba amatofari n'amategula kugira ngo ichi ni riza babe bamaze kubumba amatofari 10.000; kugerageza kandi kushaka ba charpentiers bagomba kwikorera ubwabo, kugira ngo bakore inzugi n'amadirisha n'ibindi bintu ngombwa.-

Ruhengeri, le 30 mars 1948.-
L'Administrateur Territorial, ANTONISSEN,

Ruhengeri
12596